Higher Education Council
Quality Education - Our Aim

**ITANGAZO RIREBA ABIFUZA GUSABA INGUZANYO YO KWIGA MURI KAMINUZA Y'U RWANDA (UNIVERSITY OF RWANDA) MU MWAKA W'AMASHURI 2025.**

Ubuyobozi bw' ikigo gishinzwe amashuri makuru mu Rwanda (Higher Education Council) buramenyesha abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye mu mwaka **2025** bakaba bemerewe kwiga muri Kaminuza y'u Rwanda (University of Rwanda) mu mwaka w'amashuri 2025-2026 ibi bikurikira:

1. Gusaba inguzanyo bizakorwa guhera tariki ya **11/10/2025** kugeza ku ya **17/10/2025**. **Nyuma y'ayo matariki nta busabe bw'inguzanyo buzakirwa.**
2. Usaba inguzanyo agomba kuba yaramaze kwemererwa umwanya (admission) muri Kaminuza y'u Rwanda (University of Rwanda).
3. Gusaba inguzanyo bikorwa hakoreshejwe umurongo wa interineti ukurikira: https://hecmis.hec.gov.rw/ ugakurikiza amabwiriza.
4. Usaba inguzanyo agomba kuzuza neza amakuru yose asabwa. Ubusabe bwujuje nabi cyangwa butujuje ibisabwa ntabwo buzasuzumwa.
5. **Abemerewe gusaba inguzanyo ni abarangije amashuri yisumbuye muri 2025 gusa, nabahawe "equivalence" ya NESA yerekana ko barangije muri 2025 ku bize hanze cyangwa abize muri porogaramu zo hanze.**
6. **Abemerewe gusaba inguzanyo ni abanyarwanda gusa kandi bafite indangamuntu.**
7. **Abafite "equivalence" basabwa kuzuza neza amakuru yabo harimo nimero y'indangamuntu, nimero ya "equivalence" (ahuzuzwa index number), n'andi makuru yose yasabwe.**

Bikorewe i Kigali, ku wa 10/10/2025.

**Dr. Edward KADOZI**
Umuyobozi Mukuru

**Website:** www.hec.gov.rw **Email:** info@hec.gov.rw **Call Centre:** 0786823101